

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup.

A. Amabwiriza ya Minisitiri / Ministerial Instructions / Instructions Ministérielles

N° 001/2014 yo ku wa 08/10/2014

Amabwiriza ya Minisitiri agenga imyandikire y'Ikinyarwanda.....3

N° 001/2014 of 08/10/2014

Ministerial Instructions governing the orthography of Kinyarwanda3

N° 001/2014 du 08/10/2014

Instructions du Ministre régissant l'orthographe du Kinyarwanda.....3

B. Imiryango /Organizations / Organisations

Sitati za Sendika y'Abarimu n'abandi bakozi bakora mu burezi mu bigo byigenga (SYNEDEC)43

The Statute of Syndicat des Enseignants et autre personnel de l'éducation dans le secteur privé (SYNEDEC)43

Statut du Syndicat des Enseignants et autre personnel de l'éducation dans le secteur privé (SYNEDEC)43

Sitati ya Sendika y'Abarimu n'abakozi bo mu burezi mu Rwanda mu nzego za Leta

(SNER)64

Statute of Rwanda Teachers' trade union and education workers in Public Sector

(SNER)64

Statuts du Syndicat National des Enseignants au Rwanda et des travailleurs de l'éducation dans le Secteur Public (SNER)64

C. Amakoperative / Cooperatives / Coopératives

- GTF SACCO.....98
- TUZAMURANE KU MURIMO.....99
- UMUTAKO W'AGASEKE KIGALI.....100
- KAWCO.....101
- KODUINT.....102
- COOPERATIVE DES TAXIMEN MOTO DE NYANZA.....103
- GIRUBUZIMA BWISHYURA.....104
- RFCC.....105
- KOTUMUCUKA.....106
- COMOINYA.....107
- KODBMI.....108
- COPROMIRWA.....109
- URUHIMBI RWIZIHIYE RUKOMA.....110
- UBUMWE NIZO MBARAGA-SABYINYO.....111
- KO.T.BU-BU.....112
- CTV MPA.....113
- KOIGIKA.....114
- TURWUBAKE NKOMERO.....115

Official Gazette n° 41 bis of 13/10/2014

- DUTERIMBERE NYANGE.....	116
- TURWANYE UBUKENE NYANGE.....	117
- RUSINE INVESTMENT COOPERATIVE.....	118
- MBAHAFI.....	119
- IMENA TAXI MOTO NYANZA.....	120

AMABWIRIZA YA MINISITIRI N° 001/2014
YO KU WA 08/10/2014 AGENGA
IMYANDIKIRE Y'IKINYARWANDA

MINISTERIAL INSTRUCTIONS N° 001/2014
OF 08/10/2014 GOVERNING
THE ORTHOGRAPHY OF KINYARWANDA

INSTRUCTIONS DU MINISTRE N° 001/2014
DU 08/10/2014 REGISSANT
L'ORTHOGRAPHE DU KINYARWANDA

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES

Ingingo ya mbere: icyo aya mabwiriza agamije

Article One: Purpose of these instructions

Article Premier: Objet des présentes
instructions

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definition of terms

Article 2: Définitions des termes

UMUTWE WA II: INYAJWI

CHAPTER II: VOWELS

CHAPITRE II: VOYELLES

Ingingo ya 3: Inyajwi z'Ikinyarwanda

Article 3: Kinyarwanda vowels

Article 3: Voyelles du kinyarwanda

Ingingo ya 4: Imyandikire y'inyajwi

Article 4: Writing of vowels

Article 4: Notation des voyelles

UMUTWE WA III: INGOMBAJWI
SHINGIRO, INYERERA N'INGOMBAJWI
Z'IBIHEKANE

CHAPTER III: SIMPLE CONSONANTS,
SEMIVOWELS AND COMPLEX
CONSONANTS

CHAPITRE III: CONSONNES SIMPLES,
SEMI-VOYELLES ET CONSONNES
COMPLEXES

Ingingo ya 5: Ingombajwi shingiro zandikishwa
inyuguti imwe

Article 5: Simple consonants written with one
letter

Article 5: Consonnes simples notées par une
seule lettre

Ingingo ya 6: Umwihariko w'inyuguti "I"

Article 6: Particularity of the letter "I"

Article 6: Particularité de la lettre "I"

Ingingo ya 7: Ingombajwi shingiro zandikishwa
inyuguti ebyiri

Article 7: Simple consonants written with two
letters

Article 7: Consonnes simples notées par deux
lettres

Ingingo ya 8: Ingombajwi shingiro yandikwa n'inyuguti eshatu

Ingingo ya 9: Inyerera

Ingingo ya 10: Inyuguti zandika ingombajwi z'ibihokane

Ingingo ya 11: Imyandikire y'ibihokane “(n)kw”, “(n)gw”, “hw”, bikurikiwe n'inyajwi “o” cyangwa “u”

Ingingo ya 12: Imyandikire y'ibihokane “(n)jy” na “(n)cy”, bikurikiwe n'inyajwi “i” cyangwa “e”

Ingingo ya 13: Ibihokane bigizwe n'ingombajwi “ts”, “pf” na “c”

UMUTWE WA IV: IKATA N'ITAKARA RY'INYAJWI

Ingingo ya 14: Ikata ry'inyajwi zisoza ibinyazina ngenera n'ibyungo “na” na “nka”

Ingingo ya 15: Inyajwi zisoza zidakatwa

Ingingo ya 16: Inyajwi zitangira amazina akurikira indangantu “mu” na “ku”

Article 8: Simple consonant written with three letters

Article 9: Semi-vowels

Article 10: Letters used to write complex consonants

Article 11: Writing of complex consonants “(n)kw”, “(n)gw”, “hw”, followed by the vowels “o” or “u”

Article 12: Writing of complex consonants “(n)jy” and “(n)cy”, followed by the vowels “i” or “e”

Article 13: Complex consonants formed with the consonants “ts”, “pf” and “c”

CHAPTER IV: ELISION AND DELETION OF A VOWEL

Article 14: Eliding vowels ending possessive pronouns and the conjunctions “na” and “nka”

Article 15: Ending vowels that are not elided

Article 16: Vowels beginning the nouns that follow locatives “mu” and “ku”

Article 8: Consonne simple notée par trois lettres

Article 9: Semi-voyelles

Article 10: Lettres notant les consonnes complexes

Article 11: Notations des consonnes complexes “(n)kw”, “(n)gw”, “hw”, suivies des voyelles “o” ou “u”

Article 12: Notation des consonnes complexes “(n)jy” et “(n)cy”, suivies des voyelles “i” et “e”

Article 13: Consonnes complexes formées des consonnes “ts”, “pf” et “c”

CHAPITRE IV: ELISION ET EFFACEMENT D'UNE VOYELLE

Article 14: Elision de voyelles terminant les pronoms possessifs et les conjonctions “na” et “nka”

Article 15: Voyelles finales qui ne s'élident pas

Article 16: Voyelles commençant les noms qui suivent les locatifs “mu” et “ku”

UMUTWE WA V: IFATANA N'ITANDUKANA RY'AMAGAMBO

Ingingo ya 17: Amagambo afutura

Ingingo ya 18: Amazina y'inyunge

Ingingo ya 19: Ibyungo “na” na “nka”

Ingingo ya 20: Ikinyazina ngenera n'ikinyazina ngenga

Ingingo ya 21: Impakanyi “nta”

Ingingo ya 22: Ibinyazina ndangahantu

Ingingo ya 23: Akajambo “ko”

Ingingo ya 24: Urujyano rurimo ijambo “ngo” kimwe n'ibinyazina “wa wundi”, “bya bindi”, “aho ngaho”, “uwo nguwo”

Ingingo ya 25: Ijambo “ni” rikurikiwe n'inshinga irimo inshoza yo “gutegeka” no “guteganya”

Ingingo ya 26: Amagambo yerekana ibihe n'ahantu

Ingingo ya 27: Amagambo “ku” na “mu”

Ingingo ya 28: Ijambo “saa”

Ingingo ya 29: Imigereka ndangahantu

Ingingo ya 30: Indangahantu “i” ikurikiwe n'izina bwite ry'ahantu

CHAPTER V: LINKING AND SEPARATING WORDS

Article 17: Determinative words

Article 18: Compound nouns

Article 19 : Conjunctions “ na ” and “ nka ”

Article 20: Compound of possessive pronoun and personal pronoun

Article 21: Negative “nta”

Article 22: Locative substitutes

Article 23: Particle “ko”

Article 24: Syntagm containing the word “ngo” and pronouns “wa wundi”, “bya bindi”, “aho ngaho”, “uwo nguwo”

Article 25: The word “ni” followed by a verb used in “imperative” and “conditional” modes

Article 26: Words indicating times and place

Article 27: The words “ku” and “mu”

Article 28: The word “saa”

Article 29: Adverbs of place

Article 30: Locative “i” followed by a proper noun of place

CHAPITRE V: LIAISON ET SEPARATION DES MOTS

Article 17: Mots déterminatifs

Article 18: Noms composés

Article 19: Conjonctions “ na ” et “ nka ”

Article 20: Séquence du pronom possessif et du pronom personnel

Article 21: Négateur “nta”

Article 22: Substituts locatifs

Article 23: Particule “ko”

Article 24: Syntagme comprenant le mot “ngo” et les pronoms “wa wundi”, “bya bindi”, “aho ngaho”, “uwo nguwo”

Article 25: Le mot “ni” suivi d'un verbe employé au mode “impératif” et “conditionnel”

Article 26: Mots indiquant les temps et le lieu

Article 27: Les mots “ku” et “mu”

Article 28: Le mot “saa”

Article 29: Adverbes de lieu

Article 30: Locatif “i” suivi du nom propre de lieu

<u>Ingingo ya 31:</u> Inshinga mburabuzi “ari”	<u>Article 31:</u> Defective verb “ari”	<u>Article 31:</u> Le verbe défectif “ari”
<u>Ingingo ya 32:</u> Amagambo arema inyumane	<u>Article 32:</u> Words forming a lexicalised word	<u>Article 32 :</u> Les mots formant un mot lexicalisé
<u>Ingingo ya 33:</u> Amagambo ashingiye ku isubiramo	<u>Article 33:</u> Repetitive words	<u>Article 33:</u> Mots répétitifs
<u>UMUTWE WA VI:</u> AMAZINA BWITE	<u>CHAPTER VI:</u> PROPER NOUNS	<u>CHAPITRE VI:</u> NOMS PROPRES
<u>Ingingo ya 34:</u> Amazina bwite y’ahantu afite indomo	<u>Article 34:</u> Proper nouns of place with an augment	<u>Article 34 :</u> Noms propres de lieu ayant un augment
<u>Ingingo ya 35:</u> Amazina bwite y’abantu arenze rimwe	<u>Article 35:</u> Proper nouns of persons made up of more than one name	<u>Article 35:</u> Les noms propres de personnes composés de plus d’un nom
<u>Ingingo ya 36:</u> Amazina bwite y’abantu n’ahantu y’amavamahanga	<u>Article 36:</u> Persons’ and places proper nouns of foreign origin	<u>Article 36:</u> Les noms propres de personnes et de lieux d’origine étrangère
<u>Ingingo ya 37:</u> Amazina y’idini	<u>Article 37:</u> Religious names	<u>Article 37:</u> Noms religieux
<u>Ingingo ya 38:</u> Amazina bwite yari asanzweho	<u>Article 38:</u> Proper names given and used before these instructions	<u>Article 38:</u> Noms propres donnés et utilisés avant les présentes instructions
<u>UMUTWE WA VII:</u> UTWATUZO, IBIMENYETSO BYIHARIYE N’IMIKORESHEREZE Y’INYUGUTI NKURU	<u>CHAPTER VII:</u> PUNCTUATIONS, SPECIAL SIGNS AND USE OF CAPITAL LETTER	<u>CHAPITRE VII:</u> PONCTUATIONS, SIGNES SPECIAUX ET USAGE DE LA MAJUSCULE
<u>Ingingo ya 39:</u> Utwatumuzo	<u>Article 39:</u> Punctuation	<u>Article 39:</u> Ponctuation
<u>Ingingo ya 40:</u> Ibimenyetso byihariye	<u>Article 40 :</u> Special symbols	<u>Article 40:</u> Symboles spéciaux
<u>Ingingo ya 41:</u> Inyuguti nkuru	<u>Article 41:</u> Use of capital letter	<u>Article 41:</u> Usage de la majuscule

<u>UMUTWE WA VIII:</u> N'UBUTINDE	AMASAKU	<u>CHAPTER VIII:</u> TONES AND VOWEL LENGTH	<u>CHAPITRE VIII:</u> TONALITE ET LONGUEUR VOCALIQUE
<u>Ingingo ya 42:</u> Ibimenyetso by'amasaku n'ubutinde		<u>Article 42:</u> Tones and vowel length signs	<u>Article 42:</u> Signes marquant la tonalité et la longueur vocalique
<u>Ingingo ya 43:</u> Imyandikire y'amasaku n'ubutinde		<u>Article 43:</u> Writing of tones and vowel length	<u>Article 43:</u> Notation de la tonalité et de la longueur vocalique
<u>UMUTWE WA IX:</u> INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA		<u>CHAPTER IX:</u> TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS	<u>CHAPITRE IX:</u> DISPOSITIONS TRANSITOIRE ET FINALES
<u>Ingingo ya 44:</u> Ikurwaho ry'amabwiriza n'ingingo z'amabwiriza zinyuranyije n'aya mabwiriza n'ibyerekereye igihe cy'inzibacyuho		<u>Article 44:</u> Repealing provision and transitional period	<u>Article 44:</u> Disposition abrogatoire et période transitoire
<u>Ingingo ya 45:</u> Igihe aya mabwiriza atangira gushyirwa mu bikorwa		<u>Article 45:</u> Commencement	<u>Article 45:</u> Entrée en vigueur

Official Gazette n° 41 bis of 13/10/2014.

**AMABWIRIZA YA MINISITIRI N° 001/2014
YO KU WA 08/10/2014 AGENGA
IMYANDIKIRE Y'IKINYARWANDA**

**MINISTERIAL INSTRUCTIONS N° 001/2014
OF 08/10/2014 GOVERNING
THE ORTHOGRAPHY OF KINYARWANDA**

**INSTRUCTIONS DU MINISTRE N° 001/2014
DU 08/10/2014 REGISSANT
L'ORTHOGRAPHE DU KINYARWANDA**

MINISITIRI WA SIPORO N'UMUCO,

THE MINISTER OF SPORTS AND CULTURE,

**LE MINISTRE DES SPORTS ET DE LA
CULTURE,**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repuburika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavugururwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 5 n'ya 50;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 5, 50;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 5, 50;

Ashingiye ku Itegeko n° 01/2010 ryo ku wa 29 Mutarama 2010 rigena inshingano, imiterere n'imikorere y'Inteko Nyarwanda y'Ururimi n'Umucyo, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 5;

Pursuant to the Law n°01/2010 of 29/01/2010 determining the mission, Organisation and Functioning of the Rwanda Academy of Language and Culture, especially in Article 5;

Vu la Loi n° 01/2010 du 29/01/2010 portant mission, organisation et fonctionnement de l'Académie Rwandaise de Langue et de Culture, spécialement en son article 5;

Asubiye ku mabwiriza ya Minisitiri n° 13.02/03.2/003 yo ku wa 2 Nyakanga 1985 yerekeye inyandiko yemewe y'Ikinyarwanda;

Having reviewed Ministerial Instructions n° 13.02/03.2/003 of 02 July 1985 relating to official orthography of Kinyarwanda;

Revu les Instructions Ministérielles n° 13.02/03.2/003 du 02 juillet 1985 relatives à l'orthographe officielle du kinyarwanda;

Asubiye ku mabwiriza avuguruye y'Umunyamabanga wa Leta ushinze Amashuri Abanza n'Ayisumbuye yo ku wa 16/08/2004 agenga imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda;

Having reviewed Instructions of the Minister of State in Charge of Primary and Secondary Education of 16/08/2004 relating to official orthography of Kinyarwanda;

Revu les Instructions révisées du Secrétaire d'Etat chargé de l'Enseignement Primaire et Secondaire du 16/08/2004 relatives à l'orthographe officielle du kinyarwanda;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 28/03/2014 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After examination and adoption by the Cabinet in its session of 28/03/2014;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 28/03/2014;

ASHYZEHO AMABWIRIZA AKURIKIRA:

GIVES THE FOLLOWING INSTRUCTIONS:

DONNE LES INSTRUCTIONS SUIVANTES:

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES**

Ingingo ya mberere: Icyo aya mabwiriza agamije

Article One: Purpose of these instructions

Article Premier: Objet des présentes instructions

Aya mabwiriza agenga imyandikire y'Ikinyarwanda.

These instructions govern the orthography of Kinyarwanda.

Les présentes instructions régissent l'orthographe du kinyarwanda.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definition of terms

Article 2: Définitions des termes

Muri aya mabwiriza amagambo akurikira asobanuwe ku buryo bukurikira:

For the purposes of these instructions the following terms shall be defined as follows:

Dans les présentes instructions les termes ci-après ont les significations suivantes:

1° **akabimbura:** akajambo kabanziriza izina kakagira inyito yo kugira, gutunga, kugenga, kuba ukwiye.

1° **prelude:** word preceding a name and having a sense of: to have, possess, determine, be suitable.

1° **prélude:** mot précédant le nom et ayant le sens de: avoir, posséder, déterminer, convenir.

2° **akatumu:** akamenyetso karanga aho usoma aruhukira, uko aruhuka, ndetse n'uko yitsa ijwi cyangwa akarizamura;

2° **punctuation:** sign indicating where a reader pauses, how he/she pauses, lowers and raises the voice;

2° **signe de ponctuation:** symbole indiquant où le lecteur marque une pause, la façon dont il marque la pause, baisse et hausse le ton;

3° **icyungo:** ijambo ridahinduka rihuza andi abiri cyangwa inyangingo ebyiri bihuje umumaro mu irema ry'interuro ;

3° **conjunction:** invariable word that coordinates two words or two clauses that share the function in building a sentence;

3° **conjonction:** mot invariable qui coordonne deux mots ou deux propositions ayant la même fonction dans la formulation d'une phrase ;

4° **ikibonezamvugo:** ikoraniro ry'amategeko y'imikoreshereze y'ururimi ;

4° **grammar:** set of rules governing the correct use of language;

4° **grammaire:** ensemble des règles spécifiant le bon usage d'une langue ;

5° **ikinyazina:** ubwoko bw'ijambo risobanura izina, rishobora kuriherekeza cyangwa kurisimbura.

5° **pronoun:** type of word used to represent a noun, go with it or replace it;

5° **pronom:** type de mot représentant un nom, pouvant l'accompagner ou le remplacer ;

6° **impakanyi:** akaremajambo gahakana ;

6° **negative:** morpheme that expresses negation;

6° **négateur:** morphème exprimant la

Official Gazette n° 41 bis of 13/10/2014.

- | | | |
|--|--|--|
| 7° indangahantu: akajambo kagenga urujyano rufite inyito y'ahantu ; | 7° locative: type of word that governs a phrase expressing the idea of place; | négation ;
7° locatif: type de mot régissant un syntagme locatif ; |
| 8° indanganteko: akaremajambo k'izina kerekana inteko ririmo ; | 8° classifier: morpheme that indicates the class to which a noun belongs; | 8° classificateur : morphème indiquant la classe à laquelle un nom appartient ; |
| 9° indomo: akaremajambo kagizwe n'inyajwi, gaterura izina cyangwa ijambo ririsimbura ; | 9° augment: morpheme consisting of a vowel that begins a noun or a word it replaces ; | 9° augment : morphème vocalique qui commence un nom ou un mot qui le remplace ; |
| 10° ingombajwi: ijwi bagomba kongeraho inyajwi kugira ngo rivugike ku buryo bwatuye ; | 10° consonant: phoneme that needs a vowel to be articulated ; | 10° consonne : phonème qui requiert une voyelle pour être articulé ; |
| 11° ingombajwi y'igihekane: ingombajwi y'inyunge igizwe n'ingombajwi shingiro ebyiri cyangwa zirenze ; | 11° complex consonant: consonant consisting of two or more simple consonants; | 11° consonne complexe: consonne composée de deux ou plusieurs consonnes simples ; |
| 12° inshinga: ijambo rikoresha mu nteruro rikagaragaza cyangwa rikumvikanisha igikorwa cyangwa imimerere ya ruhamwa ; | 12° verb: word used in a sentence in order to express an action or a state of the subject ; | 12° verbe : mot utilisé dans une phrase pour exprimer l'action ou l'état du sujet ; |
| 13° inshinga mburabuzi: inshinga idakoresha muri ngenga n'ibihe bimwe na bimwe by'itondaguranshinga; | 13° defective verb: verb which is not used in some persons and tenses of conjugation; | 13° verbe défectif: verbe inusité dans certains temps et personnes de la conjugaison ; |
| 14° inshoza: igitekerezo ijambo rihamagara mu bwenge bw'umuntu ugiye kurivuga cyangwa umaze kuryumva ; | 14° concept: abstract idea that a word calls in the mind of the speaker or the hearer ; | 14° concept: idée abstraite qu'un mot éveille dans l'esprit du locuteur ou du récepteur ; |
| 15° inyamazuru: ingombajwi ivugwa igice kimwe cy'umwuka kinyura mu mazuru ; | 15° nasal: consonant produced by allowing a part of air to escape through the nose; | 15° nasale : consonne pendant l'articulation de laquelle une partie de l'air est expulsée à travers les narines ; |
| 16° inyangingo: igice cy'interuro y'inyunge | 16° clause: part of a complex sentence that | 16° proposition: partie d'une phrase complexe |

Official Gazette n° 41 bis of 13/10/2014.

kirimo ruhamwa na ruhamya;	contains the subject and the predicate;	contenant le sujet et le prédicat ;
17° inyumane: ijambo rigizwe n'utaremajambo tubiri cyangwa turenzeho tubyara ijambo rimwe ;	17° lexicalised word: group of two or more morphemes that behave as a single word ;	17° mot lexicalisé: groupe de deux ou plusieurs morphèmes se comportant comme un seul mot ;
18° isaku: ikinyabumwe cy'imiterere y'imvugo gishingiye ku kuvugirwa hasi cyangwa hejuru kw'inyajwi ;	18° tone: phonological unit that characterises the lowering or rising a vowel;	18° tonalité : unité phonologique caractérisant la montée ou la descente de la voyelle ;
19° ubutinde: igihe inyajwi imara ivugwa, imiterere y'inyajwi iyigira ngufi cyangwa ndende ;	19° length: duration of time involved in the articulation of a vowel;	19° longueur: temps que dure l'articulation d'une voyelle ;
20° umugereka: ijambo ridahinduka risobanura inshinga rivuga uko igikorwa kigenda, aho gikorwa, igihe kibera, inshuro gikorwa cyangwa rigasobanura ntera ritsindagiriza icyo ivuga;	20° adverb: type of invariable word that specifies the manner, place, time and frequency of action of the verb or specifies the meaning of the adjective;	20° adverbe: type de mot invariable qui spécifie la manière, le lieu, le temps et la fréquence de l'action exprimée par le verbe ou spécifie le sens de l'adjectif ;
21° urujyano: itsinda ry'amagambo rigira umumaro umwe kandi wihariye mu nteruro.	21° syntagm: group of words that fulfills the same function in a sentence.	21° syntgme: groupe de mots remplissant une même fonction dans une phrase.

UMUTWE WA II: INYAJWI

Ingingo ya 3: Inyajwi z'Ikinyarwanda

Haseguriwe imyandikire y'ubutinde n'amasaku, inyajwi z'Ikinyarwanda zandikishwa inyuguti zikurikira: **a, e, i, o, u.**

Ingingo ya 4: Imyandikire y'inyajwi

Uretse aho aya mabwiriza abiteganywa ukundi no mu nyandiko ya gihanga ikoresheya mu mashuri no

CHAPTER II: VOWELS

Article 3: Kinyarwanda vowels

Subject to the writing of the vowel length and tones, Kinyarwanda vowels are written with the following letters: **a, e, i, o, u.**

Article 4: Writing of vowels

Unless otherwise provided in these instructions and in the scientific use in teaching and research as

CHAPITRE II: VOYELLES

Article 3: Voyelles du kinyarwanda

Sous réserve de la notation de la longueur vocalique et de la tonalité, les voyelles du kinyarwanda sont notées par les signes: **a, e, i, o u.**

Article 4: Notation des voyelles

Sauf disposition contraire des présentes instructions et dans l'usage scientifique utilisé

mu bushakashatsi nk'uko bivugwa mu mutwe wa VIII, gukurikiranya inyajwi birabujijwe mu myandikire isanzwe y'Ikinyarwanda keretse inyajwi ebyiri mu nyandiko y'ijambo ry'iritirano (i) saa rivuga igihe.

Mu magambo y'amarangamutima, imigereka n'inyigana arimo isesekaza, hakoreshwa inyajwi zitarenga eshatu zikurikirana.

Ingero :

- Irangamutima 'yooo'!
- Umugereka 'yeee'!
- Inyigana 'pooo'; 'mbuuu'!

UMUTWE WA III: INGOMBAJWI SHINGIRO, INYERERA N'INGOMBAJWI Z'IBIHEKANE

Ingingo ya 5: Ingombajwi shingiro zandikishwa inyuguti imwe

Ingombajwi shingiro z'Ikinyarwanda zandikishwa inyuguti imwe ni izi: **b, c, d, f, g, h, j, k, m, n, p, r (l), s, t, v na z.**

Ingingo ya 6: Umwihariko w'inyuguti "I"

Inyuguti "I" ikoreshwa gusa mu izina bwite "Kigali", umurwa mukuru wa Repubulika y'u Rwanda, mu ijambo "Repubulika", mu ijambo "Leta" no mu mazina bwite y'amanyamahanga

stipulated in Chapter VIII, duplication of vowels is prohibited in the ordinary spelling of Kinyarwanda except two vowels in the spelling of the borrowed word (i) saa (hourly time).

In the expressive use of vowel allongated in the writing of interjections, adverbs and onomatopoeia, that duplication does not exceed three successive vowels.

Examples :

- Interjection 'yooo'!
- Adverb 'yeee'!
- Onomatopoeia 'pooo'; 'mbuuu'!

CHAPTER III: SIMPLE CONSONANTS, SEMIVOWELS AND COMPLEX CONSONANTS

Article 5: Simple consonants written with one letter

Kinyarwanda simple consonants written with one letter are: **b, c, d, f, g, h, j, k, m, n, p, r (l), s, t, v and z.**

Article 6: Particularity of the letter "I"

The letter "I" is used only in the proper name "Kigali", capital city of the Republic of Rwanda, in the word "Repubulika", in the word "Leta" and in foreign proper names of people and places:

dans l'enseignement et dans la recherche tel que stipulé au Chapitre VIII, le dédoublement des voyelles est prohibé dans l'orthographe ordinaire du kinyarwanda sauf pour deux voyelles dans l'orthographe du mot emprunté (i) saa (temps horaire).

Dans l'usage expressif de l'allongement des voyelles dans la notation des interjections, des adverbos et des onomatopées, le dédoublement n'excède pas trois voyelles successives.

Exemples :

- Interjection 'yooo'!
- Adverbe 'yeee'!
- Onomatopée 'pooo'; 'mbuuu'!

CHAPITRE III: CONSONNES SIMPLES, SEMI-VOYELLES ET CONSONNES COMPLEXES

Article 5: Consonnes simples notées par une seule lettre

Les consonnes simples du kinyarwanda notées par une seule lettre sont: **b, c, d, f, g, h, j, k, m, n, p, r (l), s, t, v et z.**

Article 6: Particularité de la lettre "I"

La lettre "I" n'est employée que dans le nom propre "Kigali", capitale de la République du Rwanda, dans le mot "Repubulika", dans le mot "Leta" et dans les noms propres étrangers de

y'abantu n'ay'ahantu.

Ingero:

- Ntuye i Kigali.
- Repubulika y'u Rwanda
- Angola, Londoni, Lome, Lusaka, Buruseli, Aluberi.

Examples:

- Ntuye i Kigali.
- Repubulika y'u Rwanda
- Angola, Londoni, Lome, Lusaka, Buruseli, Aluberi.

personnes et de lieux:

Exemples:

- Ntuye i Kigali.
- Repubulika y'u Rwanda
- Angola, Londoni, Lome, Lusaka, Buruseli, Aluberi.

Icyakora, inyuguti “I” izaguma gukoreshwa mu mazina bwite y'amanyarwanda y'abantu yari isanzwe ikoreshwamo kandi bayiswe mbere y'aya mabwiriza.

However, the letter “I” continues to be used in Kinyarwanda proper names of people where it was usually used, for people who were already given those names before these instructions.

Toutefois, la lettre “I” continue d'être employée dans les noms propres kinyarwanda de personnes où elle était d'habitude employée, pour les personnes qui les avaient reçus avant l'émission des présentes instructions.

Ingingo ya 7: Ingombajwi shingiro zandikishwa inyuguti ebyiri

Article 7: Simple consonants written with two letters

Article 7: Consonnes simples notées par deux lettres

Ingombajwi shingiro zandikishwa inyuguti ebyiri ni izi: **ny, sh, pf, ts.**

Simple consonants written with two letters are: **ny, sh, pf, ts.**

Les consonnes simples notées par deux lettres sont: **ny, sh, pf, ts.**

Ingingo ya 8: Ingombajwi shingiro yandikwa n'inyuguti eshatu

Article 8: Simple consonant written with three letters

Article 8: Consonne simple notée par trois lettres

Ingombajwi shingiro yandikishwa inyuguti eshatu ni **shy.**

The simple consonant written with three letters is **shy.**

La consonne simple qui est notée par trois lettres est **shy.**

Ingingo ya 9: Inyerera

Article 9: Semi-vowels

Article 9: Semi-voyelles

Inyerera z'Ikinyarwanda zandikishwa inyuguti w na y.

Kinyarwanda semi-vowels are written with letters **w** and **y.**

Les semi-voyelles du kinyarwanda sont notées par les lettres **w** et **y.**

Ingingo ya 10: Inyuguti zandika ingombajwi z'ibihekane

Article 10: Letters used to write complex consonants

Article 10: Lettres notant les consonnes complexes

Inyuguti zandika ingombajwi z'ibihekane mu Kinyarwanda, ni ukuvuga ingombajwi shingiro

In Kinyarwanda, letters used to write the complex consonants, namely a consonant preceded by a

En kinyarwanda, les lettres notant les consonnes complexes, à savoir la consonne précédée d'une

Official Gazette n° 41 bis of 13/10/2014.

ibanjirijwe n'inyamazuru, ingombajwi shingiro ikurikiwe n'inyerera imwe cyangwa ebyiri, ingombajwi shingiro ibanjirijwe n'inyamazuru igakurikirwa n'inyerera imwe cyangwa ebyiri, zikubiye mu rutonde rukurikira:

- **mb, mf, mp, mv, nd, ng, nj, nk, ns, nsh, nshy, nt, nz;**
- **bw (bg), cw, dw, (fw), gw, hw, jw, kw, mw, nw, nyw, (pfw), (pw), rw, shw, shyw, sw, tsw, tw, (vw), zw;**
- **by, cy, jy, my, nny, pfy, py, ry, sy, ty, (vy);**
- **byw, myw, pfyw, (ryw), (vyw);**
- **mbw, (mfw), mpw, (mvw), ndw, ngw, njw, nk, (nshw), (nshyw), (nsw), ntw, nzw;**
- **mby, mpy, (mvy), ncy, ndy, njy, nsy, nty;**
- **(mbyw), (mvyw), njyw.**

Usibye “**bg**” mu ijambo **Kabgayi** ingombajwi z'ibihokane zitari muri uru rutonde zirabujijwe.

nasal, a consonant followed by one or two semi-vowels, a consonant preceded by a nasal and followed by one or two semi-vowels are listed as follows:

- **mb, mf, mp, mv, nd, ng, nj, nk, ns, nsh, nshy, nt, nz;**
- **bw (bg), cw, dw, (fw), gw, hw, jw, kw, mw, nw, nyw, (pfw), (pw), rw, shw, shyw, sw, tsw, tw, (vw), zw;**
- **by, cy, jy, my, nny, pfy, py, ry, sy, ty, (vy);**
- **byw, myw, pfyw, (ryw), (vyw);**
- **mbw, (mfw), mpw, (mvw), ndw, ngw, njw, nk, (nshw), (nshyw), (nsw), ntw, nzw;**
- **mby, mpy, (mvy), ncy, ndy, njy, nsy, nty;**
- **(mbyw), (mvyw), njyw.**

Except “**bg**” in the word “**Kabgayi**”, complex consonants not listed above are prohibited.

nasale, la consonne suivie d'une ou de deux semi-voyelles, la consonne précédée d'une nasale et suivie d'une ou de deux semi-voyelles, sont reprises dans la liste ci-après:

- **mb, mf, mp, mv, nd, ng, nj, nk, ns, nsh, nshy, nt, nz;**
- **bw (bg), cw, dw, (fw), gw, hw, jw, kw, mw, nw, nyw, (pfw), (pw), rw, shw, shyw, sw, tsw, tw, (vw), zw;**
- **by, cy, jy, my, nny, pfy, py, ry, sy, ty, (vy);**
- **byw, myw, pfyw, (ryw), (vyw);**
- **mbw, (mfw), mpw, (mvw), ndw, ngw, njw, nk, (nshw), (nshyw), (nsw), ntw, nzw;**
- **mby, mpy, (mvy), ncy, ndy, njy, nsy, nty;**
- **(mbyw), (mvyw), njyw.**

Exception faite de “**bg**” du mot **Kabgayi**, les consonnes complexes non reprises ci-dessus sont interdites.

bw (bg) ubwanwa, Kabgayi	by kubyibuha, kubyuka	bw (bg) ubwanwa, Kabgayi	by kubyibuha, kubyuka	bw (bg) ubwanwa, Kabgayi	by kubyibuha, kubyuka
cw icwende, imicwira	cy gucyocyora, gucyaha	cw icwende, imicwira	cy gucyocyora, gucyaha	cw icwende, imicwira	cy gucyocyora, gucyaha
dw kudwinga, kudagadwa	jy urujyo, kujyana	dw kudwinga, kudagadwa	jy urujyo, kujyana	dw kudwinga, kudagadwa	jy urujyo, kujyana
(fw) igufwa, igifwera	my umurimy, imyugariro	(fw) igufwa, igifwera	my umurimy, imyugariro	(fw) igufwa, igifwera	my umurimy, imyugariro
gw kugwa, umugwaneza	nny kunnyega, umukinnyi	gw kugwa, umugwaneza	nny kunnyega, umukinnyi	gw kugwa, umugwaneza	nny kunnyega, umukinnyi
hw amahwa, umuhwituzi	pfy bakapfakapfye	hw amahwa, umuhwituzi	pfy bakapfakapfye	hw amahwa, umuhwituzi	pfy bakapfakapfye
jw kujijwa, ijwi	py gupyipyinyura, gupyinagara	jw kujijwa, ijwi	py gupyipyinyura, gupyinagara	jw kujijwa, ijwi	py gupyipyinyura, gupyinagara
kw gukwa, umukwabu	ry kuryama, uburyarya	kw gukwa, umukwabu	ry kuryama, uburyarya	kw gukwa, umukwabu	ry kuryama, uburyarya
mw umwana, umwuga	sy gusya, urusyo	mw umwana, umwuga	sy gusya, urusyo	mw umwana, umwuga	sy gusya, urusyo
nw umunwa, akananwa	ty gutyara, ityazo	nw umunwa, akananwa	ty gutyara, ityazo	nw umunwa, akananwa	ty gutyara, ityazo
(pfw) gukapfakapfwa	vy zahovye	(pfw) gukapfakapfwa	vy zahovye	(pfw) gukapfakapfwa	vy zahovye
pfyw byakapfakapfywe	byw gutubywa	pfyw byakapfakapfywe	byw gutubywa	pfyw byakapfakapfywe	byw gutubywa
(pw) gukopwa, icapwa	myw kuramywa, kurumywa	(pw) gukopwa, icapwa	myw kuramywa, kurumywa	(pw) gukopwa, icapwa	myw kuramywa, kurumywa
rw umurwi, urwuri	(ryw) kuryarywa	rw umurwi, urwuri	(ryw) kuryarywa	rw umurwi, urwuri	(ryw) kuryarywa
shw umushwi, gushwana	(vyw) guhovywa	shw umushwi, gushwana	(vyw) guhovywa	shw umushwi, gushwana	(vyw) guhovywa
shyw ishywa, umwishywa	mb imbuto, imbabura	shyw ishywa, umwishywa	mb imbuto, imbabura	shyw ishywa, umwishywa	mb imbuto, imbabura

<p>sw umuswa, igiswayire</p> <p>tsw kotswa, kwatswa</p> <p>tw ugutwi, umutware (vw) zahovwe</p> <p>zw gusozwa, guhazwa</p> <p>nsy insyo</p> <p>nty intyoza, ntyariza</p> <p>mbw imbwa, imbwebwe (mfw) imfwati</p> <p>mpw impwempwe (mvw) kumvwa</p> <p>ndw kurindwa, gukundwa</p> <p>ngw ingwate, ingweba</p> <p>njw injwiri, nyanjwenge</p> <p>njyw kubonjywa</p> <p>nkw inkware, inkweto</p> <p>nshw nshwanyaguje, nshwekure</p>	<p>mf imfashanyo, imfura</p> <p>mp impamvu, impapuro</p> <p>mv imvura, kumva</p> <p>nd inda, indodo</p> <p>ng ingoma, ingona</p> <p>nj injishi, injereri</p> <p>nk inkoko, inka</p> <p>ns konsa, insina</p> <p>nsh inshuti, inshishi</p> <p>nshy nshyira, inshyimbo</p> <p>nt intama, intore</p> <p>nz inzu, inzuki</p> <p>ncy incyamuro, incyuro</p> <p>nyw kunywa, kunywana</p> <p>mby imbyino, imbyaro</p> <p>mpy impyisi, impyiko (mvv) barahomvye</p>	<p>sw umuswa, igiswayire</p> <p>tsw kotswa, kwatswa</p> <p>tw ugutwi, umutware (vw) zahovwe</p> <p>zw gusozwa, guhazwa</p> <p>nsy insyo</p> <p>nty intyoza, ntyariza</p> <p>mbw imbwa, imbwebwe (mfw) imfwati</p> <p>mpw impwempwe (mvw) kumvwa</p> <p>ndw kurindwa, gukundwa</p> <p>ngw ingwate, ingweba</p> <p>njw injwiri, nyanjwenge</p> <p>njyw kubonjywa</p> <p>nkw inkware, inkweto</p> <p>nshw nshwanyaguje, nshwekure</p>	<p>mf imfashanyo, imfura</p> <p>mp impamvu, impapuro</p> <p>mv imvura, kumva</p> <p>nd inda, indodo</p> <p>ng ingoma, ingona</p> <p>nj injishi, injereri</p> <p>nk inkoko, inka</p> <p>ns konsa, insina</p> <p>nsh inshuti, inshishi</p> <p>nshy nshyira, inshyimbo</p> <p>nt intama, intore</p> <p>nz inzu, inzuki</p> <p>ncy incyamuro, incyuro</p> <p>nyw kunywa, kunywana</p> <p>mby imbyino, imbyaro</p> <p>mpy impyisi, impyiko (mvv) barahomvye</p>	<p>sw umuswa, igiswayire</p> <p>tsw kotswa, kwatswa</p> <p>tw ugutwi, umutware (vw) zahovwe</p> <p>zw gusozwa, guhazwa</p> <p>nsy insyo</p> <p>nty intyoza, ntyariza</p> <p>mbw imbwa, imbwebwe (mfw) imfwati</p> <p>mpw impwempwe (mvw) kumvwa</p> <p>ndw kurindwa, gukundwa</p> <p>ngw ingwate, ingweba</p> <p>njw injwiri, nyanjwenge</p> <p>njyw kubonjywa</p> <p>nkw inkware, inkweto</p> <p>nshw nshwanyaguje, nshwekure</p>	<p>mf imfashanyo, imfura</p> <p>mp impamvu, impapuro</p> <p>mv imvura, kumva</p> <p>nd inda, indodo</p> <p>ng ingoma, ingona</p> <p>nj injishi, injereri</p> <p>nk inkoko, inka</p> <p>ns konsa, insina</p> <p>nsh inshuti, inshishi</p> <p>nshy nshyira, inshyimbo</p> <p>nt intama, intore</p> <p>nz inzu, inzuki</p> <p>ncy incyamuro, incyuro</p> <p>nyw kunywa, kunywana</p> <p>mby imbyino, imbyaro</p> <p>mpy impyisi, impyiko (mvv) barahomvye</p>
---	---	---	---	---	---

(nshyw) inshywa	ndy indyi, indyarya
(nsw) inswa, konswa	njy injyana, injyo
ntw intwari, intwererano	(mvyw) arahomvomvywa (n'iki?)
nzw kuganzwa, kugenzwa	(mbyw) guhomywa, kuvumbywa

(nshyw) inshywa	ndy indyi, indyarya
(nsw) inswa, konswa	njy injyana, injyo
ntw intwari, intwererano	(mvyw) arahomvomvywa (n'iki?)
nzw kuganzwa, kugenzwa	(mbyw) guhomywa, kuvumbywa

(nshyw) inshywa	ndy indyi, indyarya
(nsw) inswa, konswa	njy injyana, injyo
ntw intwari, intwererano	(mvyw) arahomvomvywa (n'iki?)
nzw kuganzwa, kugenzwa	(mbyw) guhomywa, kuvumbywa

Ingingo ya 11: Imyandikire y'ibihokane “(n)kw”, “(n)gw”, “hw”, bikurikiwe n'inyajwi “o” cyangwa “u”

Ibihokane “(n)kw”, “(n)gw”, “hw”, bikurikiwe n'inyajwi “o” cyangwa “u” ntibyandikwa; mu mwanya wabyo handikwa “(n)ko”, “(n)ku”, “(n)go”, “(n)gu”, “ho”, “hu”.

Ingero:

- Kwanga koga ni bibi.
- Kubaka ni ukugereka ibuye ku rindi.
- Pariki ya Nyungwe ibamo **inguge** nyinshi.
- Ngwije na Ngoboka bava inda imwe.
- Korora **inkwavu** n'**inkoko** bifite akamaro.
- Iyo ngiye kwinjira mu nzu **nkuramo inkweto**.
- Mariya **ahwituye Hoho** kugira ngo yihute.
- Mahwane aragesa amahundo.

Article 11: Writing of complex consonants “(n)kw”, “(n)gw”, “hw”, followed by the vowels “o” or “u”

The complex consonants “(n)kw”, “(n)gw”, “hw”, followed by the vowels “o” or “u” are not written; instead the following shall be written: “(n)ko”, “(n)ku”, “(n)go”, “(n)gu”, “ho”, “hu”.

Examples:

- Kwanga koga ni bibi.
- Kubaka ni ukugereka ibuye ku rindi.
- Pariki ya Nyungwe ibamo **inguge** nyinshi.
- Ngwije na Ngoboka bava inda imwe.
- Korora **inkwavu** n'**inkoko** bifite akamaro.
- Iyo ngiye kwinjira mu nzu **nkuramo inkweto**.
- Mariya **ahwituye Hoho** kugira ngo yihute.
- Mahwane aragesa amahundo.

Article 11: Notations des consonnes complexes “(n)kw”, “(n)gw”, “hw”, suivies des voyelles “o” ou “u”

Les consonnes complexes “(n)kw”, “(n)gw”, “hw”, suivies des voyelles “o” ou “u” ne sont pas notées; à leur place on écrit “(n)ko”, “(n)ku”, “(n)go”, “(n)gu”, “ho”, “hu”.

Exemples:

- Kwanga koga ni bibi.
- Kubaka ni ukugereka ibuye ku rindi.
- Pariki ya Nyungwe ibamo **inguge** nyinshi.
- Ngwije na Ngoboka bava inda imwe.
- Korora **inkwavu** n'**inkoko** bifite akamaro.
- Iyo ngiye kwinjira mu nzu **nkuramo inkweto**.
- Mariya **ahwituye Hoho** kugira ngo yihute.
- Mahwane aragesa amahundo.

Ingingo ya 12: Imyandikire y’ibihokane “(n)jy” na “(n)cy”, bikurikiwe n’inyajwi “i” cyangwa “e”

Ibihokane “(n)jy” na “(n)cy” byandikwa gusa imbere y’inyajwi “a”, “o” na “u”. Imbere y’inyajwi “i” cyangwa “e” handikwa “(n)gi”, “(n)ge”, “(n)ki”, “(n)ke”.

Ingero:

- Umugi ntuyemo ufite isuku.
- Gewe / **ngewe** ntuye mu magepfo y’u Rwanda.
- Njyanira ibitabo mu ishuri **gewe ngiye** gukina.
- Njyana kwa masenge.
- Iki ni ikibabi k’igiti.
- Ikibo cyuzuye ibishyimbo.

Ingingo ya 13: Ibihokane bigizwe n’ingombajwi “ts”, “pf” na “c”

Ibihokane bigizwe n’ingombajwi “ts”, “pf” na “c” zibanjirijwe n’inyamazuru byandikwa mu buryo bukurikira : “ns”, “mf”, “nsh”.

Ingero:

- Iyi **nsinzi** turayishimiye.
- **Imfizi** y’inshuti yange.

Article 12: Writing of complex consonants “(n)jy” and “(n)cy”, followed by the vowels “i” or “e”

Complex consonants “(n)jy” and “(n)cy” are written only before the vowels “a”, “o” and “u”. Before the vowels “i” or “e”, the following shall be written: “(n)gi”, “(n)ge”, “(n)ki”, “(n)ke”.

Examples:

- Umugi ntuyemo ufite isuku.
- Gewe / **ngewe** ntuye mu magepfo y’u Rwanda.
- Njyanira ibitabo mu ishuri **gewe ngiye** gukina.
- Njyana kwa masenge.
- Iki ni ikibabi k’igiti.
- Ikibo cyuzuye ibishyimbo.

Article 13: Complex consonants formed with the consonants “ts”, “pf” and “c”

Complex consonants formed with the consonants “ts”, “pf” and “c” preceded by a nasal consonant are written as follows: “ns”, “mf”, “nsh”.

Examples:

- Iyi **nsinzi** turayishimiye.
- **Imfizi** y’inshuti yange.

Article 12: Notation des consonnes complexes “(n)jy” et “(n)cy”, suivies des voyelles “i” et “e”

Les consonnes complexes “(n)jy” et “(n)cy” sont uniquement notées devant les voyelles “a”, “o” et “u”. Devant les voyelles “i” ou “e” on note “(n)gi”, “(n)ge”, “(n)ki”, “(n)ke”.

Exemples:

- Umugi ntuyemo ufite isuku.
- Gewe / **ngewe** ntuye mu magepfo y’u Rwanda.
- Njyanira ibitabo mu ishuri **gewe ngiye** gukina.
- Njyana kwa masenge.
- Iki ni ikibabi k’igiti.
- Ikibo cyuzuye ibishyimbo.

Article 13: Consonnes complexes formées des consonnes “ts”, “pf” et “c”

Les consonnes complexes formées de consonnes “ts”, “pf” et “c” précédées d’une nasale sont notées comme suit: “ns”, “mf”, “nsh”.

Exemples:

- Iyi **nsinzi** turayishimiye.
- **Imfizi** y’inshuti yange.

UMUTWE WA IV: IKATA N'ITAKARA RY'INYAJWI

Ingingo ya 14: Ikata ry'inyajwi zisoza ibinyazina n'ibyungo “na” na “nka”

Inyajwi zisoza ikinyazina ngenera n'ibyungo “na” na “nka” zirakatwa iyo ikurikiwe n'ijambo ritangiwe n'inyajwi ariko inyajwi isoza ikinyazina ngenera gikurikiwe n'umubare wanditse mu mibarwa ntikatwa.

Ingero :

- Wakomerekejwe **n'**iki?
- Nta kibyara **nk'**intare **n'**ingwe.
- Umubare **w'**amashuri **y'**imyuga uriyongera.
- Nyereka uko batsa tereviziyo **n'**uko bayizimya.
- Umwaka **w'**ibihumbi bibiri na cumi **n'**ibiri

- Umwaka **wa** 2012.

Ingingo ya 15: Inyajwi zisoza zidakatwa

Inyajwi zisoza amagambo ntizikatwa.

Urugero:

- Kabya inzozu

Inyajwi “i” isoza akabimbura “nyiri”, n'inshinga mburabuzi “ni” na “si” ntizikatwa.

Ingero :

CHAPTER IV: ELISION AND DELETION OF A VOWEL

Article 14: Eliding vowels ending possessive pronouns and the conjunctions “na” and “nka”

The vowels ending possessive pronouns and conjunctions “na” and “nka” are elided before the word beginning with a vowel, but the vowel ending a possessive pronoun followed by a number written in figures is not elided.

Examples:

- Wakomerekejwe **n'**iki?
- Nta kibyara **nk'**intare **n'**ingwe.
- Umubare **w'**amashuri **y'**imyuga uriyongera.
- Nyereka uko batsa tereviziyo **n'**uko bayizimya.
- Umwaka **w'**ibihumbi bibiri na cumi **n'**ibiri

- Umwaka **wa** 2012.

Article 15: Ending vowels that are not elided

The vowels ending words are not elided.

Example:

- Kabya inzozu

The vowel “i” at the end of the prelude “nyiri” and defective verbs “ni” and “si” are not elided.

Examples:

CHAPITRE IV: ELISION ET EFFACEMENT D'UNE VOYELLE

Article 14: Elision de voyelles terminant les pronoms possessifs et les conjunctions “na” et “nka”

Les voyelles terminant les pronoms possessifs et les conjunctions “na” et “nka” s'élident devant le mot commençant par une voyelle mais la voyelle terminant le pronom possessif suivi d'un nombre écrit en chiffres ne s'élide pas.

Exemples :

- Wakomerekejwe **n'**iki?
- Nta kibyara **nk'**intare **n'**ingwe.
- Umubare **w'**amashuri **y'**imyuga uriyongera.
- Nyereka uko batsa tereviziyo **n'**uko bayizimya.
- Umwaka **w'**ibihumbi bibiri na cumi **n'**ibiri

- Umwaka **wa** 2012.

Article 15: Voyelles finales qui ne s'élident pas

Les voyelles terminant les mots ne s'élident pas.

Exemple:

- Kabya inzozu

La voyelle “i” terminant le préluce “nyiri” et les verbes défectifs “ni” et “si” ne s'élident pas.

Exemples:

Official Gazette n° 41 bis of 13/10/2014.

- **Nyiri** ubwenge aruta **nyiri** uburyo
- Amasunzu **si** amasaka
- Icyatumye ejo ntaza iwawe **ni** uko natashye ndwaye.

Icyakora ijambo “**nyiri**” iyo riri mu mazina amwe n’amwe y’icyubahiro rifatana n’ijambo ririkurikiye.

Urugero:

- **Nyiricyubahiro** Musenyeri.

Naho “**nyira**” ivuga “**nyina wa**” ikoresheya mu mazina, ifatana n’ijambo ibanjirije.

Urugero :

- **Nyirabukwe** aramukunda.

Ingingo ya 16: Inyajwi zitangira amazina akurikira indangahantu “mu” na “ku”

Inyajwi itangira amazina bwite n’amazina rusange akurikiye indangahantu “**mu**” na “**ku**” iratakara, keretse mu ijambo ritangirwa n’inyajwi “**i**”.

Ingero :

- **Mu Mutara** higanje imisozi migufi.
- **Mu Kagera** habamo ingona.
- Amatungo yanyuze **mu murima**.
- Kwita **ku nka** bigira akamaro.
- Abana bavuye **ku iriba** bajya **mu ishuri**.
- Banyuze **mu ishyamba**.

Inyajwi zisoza indangahantu “**ku**” na “**mu**” ntizikatwa kandi zandikwa iteka zitandukanye

- **Nyiri** ubwenge aruta nyiri uburyo
- Amasunzu **si** amasaka
- Icyatumye ejo ntaza iwawe **ni** uko natashye ndwaye.

However the word “**nyiri**” in certain honorary titles adheres to the word following it.

Examples:

- **Nyiricyubahiro** Musenyeri.

But “**nyira**” meaning “**nyina wa**” used in the names adhere to the word that follows it.

Example:

- **Nyirabukwe** aramukunda.

Article 16: Vowels beginning the nouns that follow locatives “mu” and “ku”

The vowel beginning the proper nouns and common nouns that follow the locatives “**mu**” and “**ku**” is deleted except in the noun beginning with the vowel “**i**”.

Examples :

- **Mu Mutara** higanje imisozi migufi.
- **Mu Kagera** habamo ingona.
- Amatungo yanyuze **mu murima**.
- Kwita **ku nka** bigira akamaro.
- Abana bavuye **ku iriba** bajya **mu ishuri**.
- Banyuze **mu ishyamba**.

The vowels ending the locatives “**ku**” and “**mu**” are not elided and are always written separated from the

- **Nyiri** ubwenge aruta **nyiri** uburyo
- Amasunzu **si** amasaka
- Icyatumye ejo ntaza iwawe **ni** uko natashye ndwaye.

Cependant le mot “**nyiri**” dans certains titres d’honneur s’unit au mot qui le suit.

Exemple:

- **Nyiricyubahiro** Musenyeri.

Mais “**nyira**” signifiant “**mère de**” employé dans les noms s’unit au mot qui le suit.

Exemple :

- **Nyirabukwe** aramukunda.

Article 16: Voyelles commençant les noms qui suivent les locatifs “mu” et “ku”

La voyelle commençant les noms propres et les noms communs qui suivent les locatifs “**mu**” et “**ku**” s’efface sauf dans le nom commençant par la voyelle “**i**”.

Exemples :

- **Mu Mutara** higanje imisozi migufi.
- **Mu Kagera** habamo ingona.
- Amatungo yanyuze **mu murima**.
- Kwita **ku nka** bigira akamaro.
- Abana bavuye **ku iriba** bajya **mu ishuri**.
- Banyuze **mu ishyamba**.

Les voyelles terminant les locatifs “**ku**” et “**mu**” ne s’élident pas et se notent toujours séparées du

n'izina rikurikira.

noun that follows.

nom qui suit.

Ingero:

- Amatungo yanyuze **mu murima**.
- Kwita **ku nka** bigira akamaro.

Examples:

- Amatungo yanyuze **mu murima**.
- Kwita **ku nka** bigira akamaro.

Exemples:

- Amatungo yanyuze **mu murima**.
- Kwita **ku nka** bigira akamaro.

UMUTWE WA V: IFATANA N'ITANDUKANA RY'AMAGAMBO

CHAPTER V: LINKING AND SEPARATING WORDS

CHAPITRE V: LIAISON ET SEPARATION DES MOTS

Ingingo ya 17: Amagambo afutura

Article 17: Determinative words

Article 17: Mots déterminatifs

Amagambo mfutuzi yandikwa atandukanyijwe n'amagambo afuturwa.

Determinative words are written separated from the words they qualify.

Les mots déterminatifs se notent séparément des mots qu'ils qualifient.

Ingero:

- Inama **Njyanama**
- Umuco **nyarwanda**
- Umutima **nama**
- Umutima **muhanano**
- Inyandiko **mvugo**.

Examples:

- Inama **Njyanama**
- Umuco **nyarwanda**
- Umutima **nama**
- Umutima **muhanano**
- Inyandiko **mvugo**.

Exemples:

- Inama **Njyanama**
- Umuco **nyarwanda**
- Umutima **nama**
- Umutima **muhanano**
- Inyandiko **mvugo**.

Ingingo ya 18 : Amazina y'inyunge

Article 18: Compound nouns

Article 18: Noms composés

Amazina y'inyunge harimo n'amazina bwite y'inyunge yandikwa afatanye.

Compound nouns which include compound proper nouns are written as one word.

Les noms composés y compris les noms propres composés s'écrivent en un seul mot.

Ingero:

- **Umwihanduzacumu**
- **Rugwizangoga**
- **Umukangurambaga**
- **Umuhuzabikorwa**
- **Amayirabiri**

Examples:

- **Umwihanduzacumu**
- **Rugwizangoga**
- **Umukangurambaga**
- **Umuhuzabikorwa**
- **Amayirabiri**

Exemples :

- **Umwihanduzacumu**
- **Rugwizangoga**
- **Umukangurambaga**
- **Umuhuzabikorwa**
- **Amayirabiri**

Icyakora mu bisingizo, mu byivugo no mu migani, amazina nteruro agizwe n'amagambo arenze ane

However, in praise poetry, heroic poetry and folk tales, phrasal nouns composed of more than four (4)

Cependant, dans les éloges, dans la poésie héroïque et dans les contes, les noms-phrases

(4) yandikwa atandukanyijwe kandi agashyirwa mu twuguruzo n'utwugarizo.

Urugero:

- Ubwo **“Inshyikanya ku mubiri ya Rugema ahica”** aba arashinze.

Ingingo ya 19: Ibyungo “na” na “nka”

Ibyungo **“na”** na **“nka”** bikurikiwe n'ibinyazina ngenga bivuga nyakuvuga na nyakubwirwa (ngenga ya 1 n'ya 2) byandikwa mu ijambo rimwe ariko bikandikwa bitandukanye n'ibinyazina ngenga muri ngenga ya 3.

Ingero:

- Ndumva **nawe** umeze **nkange**.
- Ndabona **natwe** tumeze **nkamwe**.
